Jean Chrysostome NSABIMANA

Emmanuel

– Rapport

15 p

14.2.1979

1 doc

Imbonerahamwe ya Raporo y'Ubutumwa bw'i Butare
bwo ku wa 10 Ugushyingo 1979.-

---

1. Ubutumwa: Kuganilira abagize SECA ku muco w'u Rwanda
2. Intumwa : Thierry De Smet wafatage amajwi
   Nsabimana Jean Chrysostome watangaga icyo kiganiro.
3. Twahageze: Ku mugoroba mu mvura.
4. Abo twasanze: Abantu b'icigata basaga nka magana abili.
5. Uko byagenze: Ikiganiro cyashimishije abacyumva balishimye kandi balitonze.
6. Igihe : Ikiganiro cyamaze isaha n'iminota 45.
7. Ibyifuzo byabo: Kubona ibiganiro byinshi nk'ibyo nk'uko byanditse imbere aha.
8. Umwanzuro wacu: N'ubwo birushya cyane, aliko ni ubulyo bwiza bwo guhugura urubyiruko ku burere bwabo kavukire, kandi bikabatera kugira umutima mwiza iwabo.
   Uwaduha ubulyo bwo gukomeza ibiganiro nk'ibi, mu mashuli no mu materaniro.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-

Raporo y'Ubutumwa bw'i Butare
bwo kuwa 10 Ugushyingo 1979.-

A. Raporo.

Abakuru b'Umulyango wa SECA uba i Butare banyandikiye urwandiko rwo kuntumira kugirango nzaze kubahugura no kubaganilira ku mico y'i Rwanda, nk'uko bili mu kazi nshinzwe gukora.

Naze kubona urwo rwandiko nabashubije mbemerera ko nzahagera kuwa gatandatu taliki ya 10 Ugushyingo ku gica-munsi. Nyakubahwa Bwana Secrétaire Général wa Ministeri y'Uburezi amaze kunyemerera kugenda, ampa imodoka ya leta A0254 iranjyana, mperekezwa na Bwana Thierry De Smet umukozi wa Ministeri y'Uburezi.

N'ubwo i Butare hali haguye imvura nyinshi ikabuza abantu gusohoka, nasanze ntegerejwe n'abantu benshi basaga magana abili; abenshi muli bo ali abo banyamulyango wa SECA.

Ngitangira kubaganilira, nabanje kubahugura ku miterere y'Ubuyobozi bukuru bw'Umuco n'Ubuhanga: dore mu magambo make uko nabigenje.

1. Ubuyobozi bukuru bw'Umuco n'Ubuhanga ni limwe mu mashami 4 makuru ya Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu.
2. Imilimo y'ubwo buyobozi ni myinshi cyane.
   Twavuga nk'iyi :
   - Gushakashaka impamvu zose zasamura umuco w'igihugu n'ubumenyi kavukire bwacyo.
   - Kulinda umutungo gihanga w'i Rwanda ngo woye kusimizwa n'amajyambere y'amahanga.
   - Kwamamaza imico myiza yose abanyarwanda bihimbiye ubwabo, bakayishyira mu mubano w'abantu no mu burere bw'urubyiruko.
   - Gushaka ubulyo bwose bwatumburura uwo muco no kuwuhesha agaciro n'ishema mu mahugu yose.

Usibye uwo mulimo ubwo buyobozi bukorera abenegihugu, bufitanye umubano n'ibindi bico bili mu yandi mahugu byita ku bushakashatsi n'ubugorozi bw'umuco w'abantu. Twavuga nka UNESCO, AGECOOP, n'andi materaniro menshi y'ibihugu duturanye.

- Kubera ubwo bushakashatsi, abanyabukolikoli benshi baherutse guhulira i Kigali bahana umugambi wo guteza imbere Ubuhanzi mu gihugu.
- Ubu harandikwa ibitabo byinshi byagenewe rubanda kugirango na rwo rubone uko rwihugura.

- Ikinyamateka kitwa Uburezi n'Uburere kigeze ku numero ya eyo ya 4, ali nayo ikubiyemo ibitekerezo by'ingenzi byerekeye Ivugururwa ly'Amashuli mu Rwanda.
- Imikino ya Théâtre irenda gushyirwa ahagaragara kubera umwete abakozi bafite wo gufasha abaturage kugera ku bulyo bwo kwitunganyilisa ubwabo imikino ishimishije kandi idahenda.
- Amateraniro agamije ubumenyi n'umuco, aliyo bakunda kwita "Centres Culturels" nayo afitiye abaturage akamaro kanini. Ninayo mpamvu umulimo wacu wo kuyatera inkunga ugenda wiyongera ubutitsa.
- Ibiganiro byo guhugura nabyo ni byiza, byaba bivugiwe kuli Radio cyangwa se mu materaniro nk'aya yanyu, Ministeri y'Uburezi ibyitayeho, kuko ifite umulimo wo gukomeza guhugura abantu bose.
Ninayo mpamvu Ministeri y'Uburezi yishimiye kunyoherezа, ngo mbanyulire muli make iby'umuco w'igihugu cyacu, kandi namwe muyunguruе, nuntume icyo mwumva nashobora kubashyikililiza Ministri ushinzwe iyo ministeri.

Namaze gutanga iyo ntango y'ikiganiro, mpita ngitangira nyakuli. Bose bali bacecetse, batangajwe n'ubulyo umuntu yaganilira abahanga mu kinyarwanda akabona icyo avuga.
Icyo kiganiro ndagitangira nk'uko nacyoherereje hamwe n'iyi raporo.
Cyalinze kimara isaha n'igice abacyumva bakishimye, bagiseka, kandi bakomera amashyi ingingo nyinshi zili muli iki kiganiro.

Mu gihe kandi navugiraga mu rwego rw'abantu banyumva, ubwo niko Bwana De Smet twali twajyanye yafatiraga amajwi mu byuma twali twajyanye. Kuva mu ntangiliro kugera mu ndunduro, icyo kiganiro twagifashe mu byuma, kuko dushaka kuzagikuramo ibiganiro tugilira abantu kuli Radio.

Kubera ko imvura yali yaturembeje mu nzira, bigatuma dutangira iki kiganiro bitinze, twabonanye n'abakuru badutumiye igihe gito, kugirango twumve ibindi byifuzo byabo.

Bimwe mu byifuzo byabo by'ingenzi ni ibi :

1. Ko Ministeri y'Uburezi yahora ibashakira abantu bo kubagezaho ibiganiro nk'ibyo by'umuco wa kinyarwanda.
2. Ko igihe Ministeri ibishoboye, yaha urubyiruko ubulyo bwo guterana bagatekereresa hamwe amahame y'umuco n'uburezi by'urubyiruko.
3. Ko mu biruhuko bajya babona umuntu wa Ministeri y'uburezi ubagilira ibyo biganiro aliko bitali iby'umunsi umwe.
4. Ko Ministeri yakwihutisha programme z'inyigisho y'umuco n'uburere bwa Kinyarwanda mu mashuli.

.../...

5. Ko bifuza umuntu wo kubafasha gutunganya imikino y'ingorora muco batangiye gukina ubwabo.

6. Ko Ministri w'Uburezi yabashakira nabo ikiganiro kuli Radio cyo kubahugura mu bwenge no mu muco, cyane cyane mu masha y'ikiruhuko.

7. Icyo barunduliyeho, ni uko bifuza amasaha yo kwigishwa umuco n'umwalimu wayo wihaliye.

B. <u>Isesengura ly'ikiganiro</u>

1. Kamo kugera imbere y'abanyumvaga, nashoboye kwibwira ukuntu batangajwe n'uko umuntu utali mukuru cyane yaganira atyo mu kinyarwanda.

Ibyo byanyeretse ko abantu bateranira hamwe, n'iyo biga umuco w'igihugu cyacu, ntabwo bajya bita ku kamaro ururimi rwacu rufite muli uwo muco no mu bwenge twazamukiraho. Nyamara aliko sinzi ko amashyi nabonye mvuga mu kinyarwanda mba narayabonye iyo nza kubabwira ibyo bitekerezo mu ~~kinyarwanda.~~ gifaransa -
Nanaboneyeho umwanya, ncengeza amatwara y'Ivugururwa ly'amashuli liha ikinyarwanda umwanya ukomeye mu burere bw'abana b'abanyarwanda.

Icyo gihe cyose navugaga, nihatiye kuvuga ikinyarwanda cyiza. Nagirango mbereke ubwiza bwacyo ndetse mbasogongeze ku nyigisho yacu dutegura y'umuco.
Nanaboneyeho kubihanangiliza ingeso mbi bagira yo kuvangavanga ururimi igihe babwira abanyarwanda.

2. Mu ngingo zili muli iki kiganiro, hali aho nagiye ntangazwa n'ubuhugukirwe buke abantu bafite, byumvikana mu mashyi bakomaga mpagaze.

- <u>Uburere bw'abana mu rugo</u>: Abo bantu benshi ntibazi n'icyo amazina twitwa avuga. Nabanyuliyemo amwe n'amwe bibabera ikintu gishya batali bigera bumva na limwe. Bamenyerejwe imico y'amahanga gusa.

- <u>Imikulire y'urubyiruko</u>: Ntibali bazi ko n'ubwo ababyeyi bacu baduhalira abarezi bize mu mashuli batabura kutunogura imyifatire yacu iyo tuli kumwe n'abavandimwe mu rugo.

<u>Ku mugabo</u>: Batangajwe n'imico myiza y'umugabo w'umunyarwanda yamizwe n'umuco wa gisilimu bakunda kwita: Evolution - Civilisation. Naberetse ko Amajyambere atali ukumiraza bunguli inkongoro zose z'amahumane amahanga atubuganizamo atayatokoye, ahubwo ko ali uguhora wungura ubudahwema ubwenge bw'iwanyu, ubitewe n'igihe ulimo, n'icyo ukora igihe ali ngombwa kubana n'umuco w'abanyamahanga.

.../...

Batangajwe kandi kubona umuntu uzi kujora bimwe bigoranye mu majyambere ya kizungu na Gikilisitu.

Ibyo byanyoretse ko ubureze bwabo bababwa butibanda gukangura umutima ukunda n'ubwenge butekereza. Ko ahubwo bakulikirana gusa ibyo babwiwe. Ku mugore: Kubera ko nta bagore bali muli ilyo teraniro, nense kugira icyo mvuga ku mico y'umunyarwanda-kazi. Aliko duke nawuvuzeho twarekeye kubaka no kuba umubyeyi muli iyi sahinde y'ubukungu bw'amafranga n'icyubahiro mu bantu, twarabanyuze. Ibyo mbivugira uko nabaroraga ku maso, n'ibyishimo byabateraga.

<u>Ku gihugu cyose</u> : Abantu benshi ntibagitekereza ubutwali bw'umugabo ku gihugu cye. Niyo mpamvu iyo winjiye muli ibyo biganiro, usanga batabikulikiranye nk'uko bakulikiranye umukiro w'amafranga.

C. <u>Indunduro</u>

Nashimishijwe cyane na buliya butumwa. Ndetse usibye ko twali twatumiwe, ntacyatubuza gukora programu z'ibiganiro nka biliya mu materaniro y'ubwenge n'umuco. Ninayo mpamvu muli iyi minsi tuzatanga ubulyo ibyo biganiro bizajya bigenda bikulikirana muli ayo materoro.

Ubundi kandi, dushobora no kubaza ayo materaniro ikiganiro bashaka, tukabashakira uzakibagezaho; yaba ali umwe muli twe, cyangwa se ali undi tuzi ubishoboye kuturusha.

Nguko rero uko twarangije ubutumwa twali twatumwe i Butare, kuwa 10/11/1979 bukarangira kuwa 11/11/1979.

Bikorewe i Kigali, kuwa 14/11/1979.-

| | |
|---|---|
| Thierry De Smet | Jean Chrysostome NSABIMANA |
| Wafataga amajwi.- | Watanze icyo kiganiro.- |

**BIMWE MU MAJYAMBERE YA KIZUNGU NA GIKILISITU BYABOGAMIYE UMUCO W'U RWANDA.-**

---

Ba Nyakubahwa mwese muteraniye hano,
Babyeyi,
Rubyiruko,

Ndabanza gushimira cyane Abakuru ba SECA bampaye akanya n'ubulyo bwo kuganira namwe muli uyu mugoroba. Ndabashimiye kandi namwe mwese mwaje ngo dufatanye kungurana ibitekerezo.
Ikiganiro ngiye kubagilira uyu mugoroba kitwa: BIMWE MU MAJYAMBERE YA KIZUNGU NA GIKIRISITU BYABOGAMIYE UMUCO W'U RWANDA.

Mbere yo gutangira, ndabanza kubabwira ko iki kiganiro gikomeye rwose. Ndetse byanteye ubwoba ndiho ngitegura. Ntabwo nzanywe hano no guteranya abazungu n'abanyarwanda, cyangwa se kugayisha umupadili wigishije ijambo ly'Imana abantu, akabahumura akagira icyo abongerera ku muco wabo mwiza bali bisanganiwe. Ntawakwirengagiza kandi ibyiza byinshi amajyambere ya Kizungu na Gikirisitu bimaze kutugeza ho. Ndetse n'ishimwe lyabo ni linini cyane mu Rwanda. Nanjye ubwanjye uje kubaganilira iki kiganiro , amajyambere ya Kizungu na Gikirisitu nyakesha byinshi kandi byiza cyane. Sinzanywe rero no kugaya uyu n'uyu cyangwa se gupfobya ibi n'ibi. Ikinzanye kandi kinshimishije, ni ukugirango turebere hamwe ubulyo ayo majyambere ya Kizungu, n'ubwo yali atuzaniye ibyiza byinshi, hali ingingo zimwe na zimwe z'umuco wa Kinyarwanda yalyamiye azibuza kuzamuka.
Sinza kwemeza ko izo ngingo zalyamiwe zali nziza cyangwa se zali mbi si jye uhitiramo abantu ikibi n'ikiza. Gusa ndibwivugire ko izo ngingo zali ziliho, zikulikiranywe n'abanyarwanda, bazemera ho umuco, kandi bazitoza urubyiruko mu burere rwahabwaga n'ababyeyi.
Iki kiganiro rero ndakibagilira mu bice bine :

1. Bimwe mu bice by'umuco w'u Rwanda
2. Aho uwo muco washoboraga kugeza abanyarwanda
3. Umuco wa Kizungu n'Iyoboka-Mana mu Rwanda
4. Umwanzuro.

1. <u>Bimwe mu bice by'Umuco w'u Rwanda.</u>

Umuco w'Igihugu icyo ali cyo cyose, ni imbenera hamwe y'ibyo icyo gihugu kihimbiye ubwacyo, kikabishimikira, kikabikulikiza, kandi kikishimira kubyamamaza ku mugaragaro. Kikanabitoza urubyiruko mu burere ruhabwa, kandi bikaba alibyo biba ishingiro lyo gushima umuntu no kumugaya mu bikorwa bye bya buli munsi.

.../...

Iyo mbonera hamwe y'ibyo bintu byahimbwe n'igihugu ubwacyo niyo iranga ubushobozi bwacyo nyakuli, ninayo kendera ho kuzamuka mu bikorwa by'amajyambere, iyo kigenda kibyungura ubudahwema, ntikireke ngo bihune. Iyo mico rusange yemewe n'abakuru b'abanyamurava b'igihugu, uyiteshutse ho na gato niwe bita mubi. Niwe uba agayitse mu bantu, kandi akaba anagayishije abarezi be, kuko ababera impamvu yo kunegurwa n'abaturanye. Muli iyo mico rusange kandi niho dusanga ibyo icyo gihugu cyemera, ibikoresho gikoresha, urulimi kivuga ali narwo ruba rwaragenewe kwamamaza iyo mico bene gihugu bose baruzi.

Ntawavuga ngo umuco w'igihugu waremwe n'uyu n'uyu wo mu gihe iki n'iki. Ahubwo icyo umwe yatangiye abandi bakagishima ali nyamwinshi, bakagitora, bakacyamamaza; ni cyo gihinduka umuco w'igihugu.

Icyo bita kwica umuco w'igihugu, ni ukwikorera ibyawe abandi nyamwinshi batazi cyangwa se batemera muli icyo gihugu ulimo. Uwica umuco w'igihugu ali umunya-mahanga, barabimubabalira, bakamwisekera gusa. Nawe uwica umuco w'igihugu kandi ali umuvuke wacyo, uwo we aba ali mu cyaha. Kera abo bahabwa ga akato, bakigizwayo, cyangwa se bagahanishwa ibindi bihano. Abakuru nibo bahagaralira umuco w'igihugu, kuko bo babararangije kurerwa kandi barabonye umwanya wabo ubakwiliye mu bantu.

Icyo bita kurera umwana ni ukumumenyereza buhoro buhoro kuzasa na ba se cyangwa se ba sewabo cyangwa se bakuru be bamuboneye izuba, cyangwa se kumumenyereza imico abaturanyi bakunda kwita ko ali yo myiza. Naho uwo bita ko atagira uburere, ni ukunda kunyuranya n'abandi nyamwinshi kandi akilimuto. Umunyama ntiyarera ngo binoge kuko ataba ali ibyo umuco kavukire kandi gatozi wibandaho mu buresi bw'urubyiruko rw'igihugu iki n'iki.

Bityo rero, kubaka inzu ukerekeza umulyango ahazajya irembo ly'urugo, ni umuco wa kinyarwanda. Kulyama ku rwuliriro, nawe umugore akalyama ivure, nabyo ni umuco wa kinyarwanda. Umuhaha w'abavumbyi uli mu muco wa kinyarwanda. Kujya mu muhana akabanza guhamagara, ni umuco wa kinyarwanda. Gukamira umubyeyi wabyaye utamugulishije, nabyo ni umuco wa kinyarwanda. Guhanuza wagushije ishyano mu rugo, no mu byo utunze ibyo nabyo ni umuco wa kinyarwanda. Kunywa amasubyo hali ibyago byaguye ku musozi, ni umuco wa kinyarwanda. Gukwa umugeni ni umuco wa kinyarwanda. Guha abana umunani ni umuco wa kinyarwanda. Gukoza umugeni ku mashyiga, kumwogosha amasunzu, kumutwikurura no guterekа imandwa no guterekera abasokuruza nabyo ni imico ya kinyarwanda. Ibyo bice by'umuco wa kinyarwanda; bilimo ingingo z'ireme ly'uwo muco.

Izo ngingo niso ziwutumburura zikawuhamya imbere y'amahanga, zikanawemeza mu bantu bose b'abanyarwanda. Usanga ali zo zibanda kuboneka hose.

1. Uko Imana ali yo yahanze byose, ikabigenga ikabitegeka; ikabiha kubaho no kuramba. Uwo yahaye ntiyamburwe n'imiyaga, nawe uwo yakuyeho amaboko ntagire rutangira. Ubwenge ntibuyisumbe, kuko ngo nabwo ubwabwo atali ubugingo ubundi abapfumu babuzi ntibapfuye.

2. Yuko umuntu atakwigira ngo yihaze, ko icyambere ali ukubana. Waba umwe bati: umwana umwe si umulyango. Wakwigira igisurere gya kabutindi, ukiyita "Nzabilya mbyikorere", umunyarwanda ati: umugabo umwe agerwa kuli nyina. Bati kandi ntukabe umwe uzatera inzu inkingi. Waba uli umugabo koko utali inganzwa washaka umugore ntakugendeho. Nwajyana ukajya imbere akagukulikira, ntiwilirwe umusoma ku matama umunsi wose nk'aho umwingingira kukubakira, naho kugukunda byo aba yarabyemeye umurambagilijwe n'inshuti y'urugo. Ukamutunga umwubakiye kandi nawe ali uko, umwubashye aliko bitali umurato w'amaso y'abahisi n'abagenzi. Ntube wagira icyo ukora utamugishije inama, amalyama meza akazajya ahora ava iteka mu matarama. Ukamutunga umukoye, ntumuteze se ngo icyenderwa-busa.
Wamutungira mu rwihisho akazanegurwa ko ali inshoreke yawe, ntuzamugaragaze mu mihango ishaka umugore w'igicumbi. Wamubyaraho abana utamukoye, bakitwa nkuli ntibazabaze umunani kwa se, bene se bakazabinuba. Bagahalirwa kuba abana bashumitse ku nkanda ya nyina.

3. Umugore nawe akubaha umugabo atagombye kubihatirwa n'amategeko cyangwa se izindi nyungu zindi. Icyo cyubahiro akakigumana, yanakwanga mutandukanye yabyara umwana yarakujyaniye inda, akazama guteruza no kwitisha izina no kulya amenyo. Watereka akaba arahali, wajya kunywa imiti akazaza nawe akanywaho. Bakabana bategekana badashakuje, akibuka ko ali nta nkoko ibika amasake agihali. Yabyiha akazanegurwa ubushegabo n'ubushemutsi. Ibyo bikamuhesha icyubahiro akitwa muka Naka yizihiwe. Yabyara agakoshereza impetso n'urugoli; umwana agasohorwa nk'abandi. Agakenyera ibiheko byo kumulinda, ubundi akitwa umubyeyi yizihiwe ali nta kinegu cyo kubyara ikinyendaro, cyangwa se inya-mihora. Akanga umugayo, agasiga umugabo, akamumenyera indyo n'ilyamo, ntagire uwo asiganya uwo mulimo we ngo azawumucunguraho. Ngo ubwo yatetse, undi yoze imbehe, cyangwa se ngo ubwo aliho asasa undi nawe nabe atetse. Agakura atsinda, akiha ishimwe kuli ba Sebukwe na ba Nyirabukwe bamwe bakitwa ba Sogokuru, aho kwitwa Muzehe, abandi bakitwa ba nyogokuru aho guhamagarwa ilyo batumva lya Madamu cyangwa Bibi cyangwa se Shangazi. Bamugaya ubugore ali ikirumbo, bakamusenda bamuhaye impamba n'umwana wo kumuherekeza ngo amugeze iwabo, aho kumulya umutima mukajya guhara amavi no kumvirwa n'abanyagihugu mu nkiko. Akazashyirwa hanze ali uko abaye umuhemu, w'umugabo wali waramumeneye ibanda. Umuco ukamubuza kwiba ahetse, nkanswe gutahana abagabo kandi abana balyamye bazi se uwo ali we, akilinda imihágo y'umugabo we kuko ngo Uhiga umugabo atamira, aliho havuye amazina muzi ya ba Ntiyamira.....

4. Umwana w'umuhungu agakura amenyerezwa imihigo y'ubutwali n'umurava, akanga kugawa, bakamuhata isumwe ku bandi bana b'abaturanyi. Bamuhata ubugabo nyakuli agakura yigishwa kuzagilira abandi akamaro ngo ejo azitwe Mugabo unyura abandi.
Agatozwa kuzubaka urugo rw'inshuti n'abagenzi. Akalindwa inda nini, akalindwa kuliswa n'amafuti ngo ateye agahinda, akiga hakiki kare kwitsinda, byose akabivangira mu bupfura bw'umutima musima wa kinyarwanda yemera atawutojwe, dore ko ngo uw'umuhananano utusura igitusa.

5. Umwana w'umukobwa agakura atozwa kuba uwo bahora bashimaho Nyampinga, akavanga isoni n'inkesha ku maso, ntashemukire ibyo basaza be barwanira, akubaha, akilinda. Yamara kuzira inka akagilirwa imihango, kuko ngo aba ateye ibigwi mu bya Nyina wamubyaye. Yarenga ubwanga-vu abaye inkumi akikumira, ubwali bwe n'ubusugi ku mutima n'umubili akabirwanira inkundura. Akanga urwumvo bita "avance" kuko yabaga azi ko usibye ko no kuba ikinyandaro ali ishyano iwabo, yali anazi ko ituro lizima ashobora gutura umugabo we ali umubili utunganye, utashize dondi dondi nk'inkoni y'umwana. Agakura yimenyereza kuba umugore w'umugabo umwe gusa, n'umubyeyi w'abana azabyara mu rugo ruzaba rwamushatse. Agacungura nyina ku mulimo ukomeye, agatega ko irembo lizagobora. Yabyanga akigira icyomanzi cyangwa se agakura abenga, akiha kuraraguza aho abonye ali ingenzi y'imihana, bakabanza kumuhererexa mumbere bakamukubita ibipfunsi n'inkonji mu mutwe ali ntawe umubona, kandi bakamutegeka gusohoka yihanaguye, ngo atazavaho yiha rubanda ikamushimanira insara. Yabyanga ananiye ba Nyirakuru na nyirasenge bakamucira ho imigani imugera ku mutima bati: ingenzi y'imihana iyo itogoshe irasakara, bati aho itoye cyane ihata ibaba. Yaba yabananiye bagakurayo amaso, aliko nawe yatwara iy'indcro bagahereza abo hakulya y'i Kivu impyisi zacyo zikigabanira.

6. Urwo rugo rukagira imihango y'ubucuti n'umurava n'urusango. Umukobwa agatwikururwa, yabyara agahembwa, yapfusha akayagirwa n'abandi babyeyi. Sinabirondora byose. Sinshobora kumara inyuma umuco wahimbye n'abantu bazi ubwenge igihe kirekire ngo nywumare inyuma mu gihe kingana n'urwara. Uwawuvukiyemo arawumva, cyangwa se uwawukunze niwe wawuvuga ubwiza, nawe uwawonkeye mu mashereka, si inkuru abalirwa arawiyumvamo ubumuntu n'ubugingo.

7. Uwo muco rero umaze gukura no gusagamba; Kizungu nibwo iwikubisemo. Iwikubitamo ali agahato, atali ubwumvikane bubaye mu milyango ije gushyikirana.

.../...

## 2. Aho uwo muco wali kugeza bene wo banyarwanda:

Ntawashobora kuvuga yihanukiliye, ngo yemeze by'ihame rwose aho uwo muco wali kugeza abanyarwanda. Ali heza, ali habi; ali kure, ali bugufi mu majyambere rwashakaga kugeraho, ntawabivuga by'ihame ngo abe atanyomozwa, kuko nyine kizungu yawucikije ntireke usugira ngo wisanzure kandi usagambe. Amahanga yarawuvangiye, bimwe birazima ibindi birahinduka, bike muli ibyo ni byo byakulikiranywe ku mugaragaro, ibindi ubu birakorerwa mu rwihisho nk'aho hali icyaha balimo ababikora. Icyo nahamya ku giti cyanjye, kandi uko mbitekereza, uwo muco ntabwo wali upfobeje u Rwanda rw'icyo gihe. Ahali ubu ntawawuzana ngo tuwukulikire tuwushobore, kuko twarangije kumiraza ruzungu, abandi twarasungahaye turarunduka, abandi ntiturabigeraho aliko nibyo dutegura ahanini. Nyamara u Rwanda ntirwali rubi :

- Rwali rufite abavuzi barwo ba Rugenderwa, n'imiti itahendaga yavugutwaga mu biti by'amashyamba ya kimeza ya Rubanda rwose.
- Rwali rufite Abanyamihango baruterekerera, bakaruragulira bakarubandwamo, abantu bagasuzuma ikizaba ejo mu ndagu, bakacyambikira amaboko yo kukirwanyanya, cyabananira bagasuhuka.
- Rwali rufite ubulyo bwo kurera ububyiruko kandi urwo rubyiruko rukazagira akamaro babaga barugeneye, rugakurana wa muco barushakagaho n'umurava bashakaga kurugezaho.
- Rwali rufite abahanga b'abanya-myuga, bagikenyeza inkanda n'impuzu, bacyambika uruyonga n'impu n'ishabure y'abigeme b'abakobwa.
- Rwali rufite abakozi babizi, barworosa ibirago, baruha ibitebo n'inkangara n'ibyibo n'utubindi n'ibyansi n'imitemeli yo gupfundikira ibishobora gutokorwa.
- Hali Abacuzi bazi umwuga bakanawugilira imihango, igihugu bagihunda amacumu n'imiheto n'inkota n'impindu zo kuboha no gutaka, n'ingongo zo kogosha no kubaga.
- Rwali rufite abahanga b'abahimbyi, habe mu bwubatsi bwa gihanga, habe mu gufata ijambo lyo kunonosora ingingo no kwamamaza ibyo bamaze kugeraho, bityo bagahora bilinganiza n'igihe cyabo, ntihagire icyo babura kandi ashobora kuba bafite abahanga bo kugihimba. Mu bwenge bali bazi, icyo gihugu bali bagikijije ku bulyo bumva ubwabo.

  Amajyambere ya Kizungu atarasakara mu Rwanda, ibyo byose ntibyali bibi, kandi ntibyali bibuze guteza imbere igihugu cyabo. Ndibaza rero iyo bakomeza kubizamuza ubwenge, niba ubu u Rwanda rutaba rufite byinshi byarwo rudasabiliza, kandi rukenera rukikenulira hafi. Sinabura rero guhamya ko uwo muco iyo ukulikiranwa bihagije wali kuruzamura, amaherezo ukazarumerera neza, ahali yenda ukanarukungahaza. Ibyo aliko si ukuvuga ko uwo muco utagiraga amakemwa, wali ufite imbaraga zawo n'intege nke zawo kuli rubanda rwa giseseka. Aliko ibyo byose icyo mbishima ni uko byali umuco kavukire atali ibyo twamiraje by'amahanga, abatabikunda bahora bita inkongoro y'amahumane amahanga yaturamije tukayagotomera tutayatokoye na gato.

.../...

Simvuga kandi ko uwo muco uwawukulikirana wonyine waduhaza muli iki gihe. Urafite byinshi byawurenzeho, kubera nyine impamvu zo gusubizwa inyuma n'umuco w'mahanga wawugonze kiboko ukawimura ntureke amashami yawo akurana n'ibihe igihugu cyagombaga kugeramo mu mizamukire yacyo.
Ninayo mpamvu jye mvuga ko uwo muco wa Kizungu wagonganye n'uwa Kinyarwanda habura urekera undi inzira, uwa Kizungu umira uwa Kinyarwanda kubera ko wali uhagaraliwe n'amaboko akomeye. Ibyo kandi birazwi, inyamaswa nkuru zibeshwaho n'intoya.

## 3. Umuco wa Kizungu n'Iyoboka-Mana mu Rwanda.

Ntawe uyobewe uko Abazungu ba mbere bageze mu Rwanda. Iyo nkuru yaramamaye mu bwenge bw'Abanyarwanda bose. Ntawe kandi utibuka uko bahagaze muli Berlini ho mu Budgge, Afrika yose bakayitera imirwi, bakayitorana nk'ingumba bagushije umwe yitwalira aho yishimiye undi yitwalira aho yishimiye, cyangwa se aguranirwa na mugenzi we kubera ko ashaka kugira icyo akoresha ubwo bugurane. Nyamara muli ilyo kembagurwa l'Afrika nzima, nta munyafrika n'umwe wali uhali ngo agire icyo abivugaho. Hali hashize igihe biswi rwose ko muli Afrika abantu baho bose ali inyamaswa, ko ali abicanyi. Niyo bali bakiva mu bucuruzi buzwi n'abakunzi b'Afrika bwaguranaga abantu zahabu n'andi mayoga y'i Bulayi ngo bajye gutera itabi aho abazungu b'i Bulayi bamaze kwigarulira kiboko. Tuzi twese ko abazungu bambere bazanywe muli Afrika n'urukundo bayikundaga, cyangwa se andi mahoro bali batuzaniye. Uwavuga ko bali bazanywe no kugeragaza ubukungu bw'Afrika, kwishakira aho begame, kwicukulira Zahabu na Diama na Gasegereti na Walfram ntabwo nkeka ko yaba ayobye cyane.

U Rwanda narwo ntirwahunze urwo rwimo rw'Abazungu. Bacyaduka, bica umuco w'igihugu, bibagirwa ko ugiye iw'abandi ingeso ze azisiga ku irembo. Nabo umuco w'u Rwanda urabanena. Babanena ibara ko basa n'impinja,
Babanena kwihambira ibirenge mu nkweto n'ibirato nk'ababembe,
Babanena kulya amajyi y'inkoko kandi zaragenewe kuragura no gushitura inka, Babanena kulya imineke ali abagabo,
Babanena kudidibuza urulimi rutumvikana,
Nkaho babamenyereye, babagaya umuco babaciraho umugani bagira bati: utazi umuzungu arazunguze ajyana iwe. Umuco wa Kizungu ukoze ku wa Kinyarwanda, biranukirana ntibyabana. Uwutoye akaba amennye ibanga akitwa igisome cy'Abazungu.

Aliko ruto ruto bavanga amaboko n'ubwenge bwabo bwo gushukisha abantu ibintu by'iwabo, biyegereza abantu. Biyegereza abatware, babereka ikuzo bazahabwa no kubagomokera, biyegereza abantu barabakoloniza, barakunda barabakandamiza mu byabo nka wa mwana w'umuja ukubitirwa ku mazi yavomye nyina. Babambura ubutegetsi mu gihugu cyabo, bakagabira uwo bishakiye.

.../...

Bakikebera amasambu uko bashaka n'aho bayashaka, bagasenya aho bashaka bakahashyira imidugudugu nk'iy'iwabo, hakitwa mu kizungu, abaturanyi babo bakabita indigène na Chimpanze na Ndunduje na makaki na nègre na sauvage. Bakandika ku mazu yabo ko habujijwe kwinjiramo imbwa n'abirabura. Bakorerwa n'amaboko mashya y'igihugu, barema abapira bakoreshaga ku gihembo kitabakijije, n'abandi bakoreraga umushahara utarenze repas chaud babahaga saa sita ali na yo yaje kuvamo ijambo lya none lyitwa ipesho. Abagabo b'umurava baremera bakorera inda ali ntaho byabaye mu mico y'igihugu. Bamaze guhumisha rubanda bakuru babo, barakunda rero barakira, inka zibagirwa ubusa amata n'amajyi n'inyama biragemurwa.

Muli icyo gihe, nibwo hadutse abandi bazungu, bo baza bavuga Mungu.

Uwo Mungu bakamuvuga ho byinshi byiza binogeye umutima w'umubabare. Yuko agira impuhwe nyinshi cyane. Yuko akunda abakene n'ababababaye n'aboro, yuko ali buntu busa, akagira impuhwe zahebuje, akaba umubyeyi uruta abandi. Byali byiza kandi binogeye abanyarwanda. Aliko basanze nabo bazi Imana mu muco wabo, bayambaza, barabyirengagiza bikulikiranira inyigisho ya Mungu.

Bamaze kumenyereza rubanda iby'iyo dini, abantu bahubuka imperamahugu bakajya kumva ijambo lya Mungu, abatware barabatizwa, ndetse n'Umwami wali ho icyo gihe arabatizwa. Kubatizwa noneho rero ntibyaba bikili iby'ubishaka, bikwira igihugu cyose bisigara byitwa "Ilivuze Umwami". Maze kugirango rwose iyo nyigisho ikare, umwami bamaze kumubatiza bamwitiranya n'uwabo, ndetse abyarwa mu batisimu n'undi munzungu ngo arebe ko yareshya nawe mu cyubahiro. Yabaye agisukwaho amazi ku gahanga, bashinga za missiyoni zo kwigishilizamo ayo mahame n'Umwami ubwe yemeye. Byali ngombwa kuko ngo "Umwera uvuye i Bukuru ukwira". Badukira rero Abanyamihango barabahiga kugirango bihalire bonyine ubwo bubasha bwo kuvuga Imana no guteganya ikizakiza umuntu n'aho azakilira.

Maze abategetsi b'abazungu b'icyo gihe igihugu barakilya ali nta n'umwe ushoboye no kwivugira, abategetsi ba Mungu igihugu baragihuma, ali no gufatira abategetsi rubanda ngo itabona ibyo bayikoreraga icyo gihe. Reka sinakubwira, ingofero ya Gikolonize n'icyotezo byigabira igihugu, umwijima mu bwenge bw'abantu uracura. Reka tureke abategetsi babanje, duhagarare ku bategetsi ba za Missioni, kuko alibo dushaka kumva neza ngo tujye dukora apostola tuyumva, kuko twagize Imana bimwe bikagabanuka aliko bikagabanuka bidusigiye ibyiza tutabura gushima.

1. <u>Inyigisho muli rubanda rwa giseseka</u> :

Mu nyigisho za mbere zabanje muli uwo mulimo nk'uko bimera, habanje Amategeko ya Mungu. Ayo mategeko akaba meza, akabuza abantu kugira nabi, akabategeka gukundana kivandimwe, koko bikaba bimereye neza igihugu cyali kikili mu ntambara z'urudaca z'imilyango n'ibitero byo mu mahanga byali bimaze kukinaniza. Nyamara wagaruka ku muco nyamuco w'igihugu ugasanga ayo mategeko amwe n'amwe hali aho abogamiye uwo muco rwose.

.../...

Reka dutange urugero: Bati: "Itegeko lya mbere lya Mungu litubuza kubandwa no guterekera, kwiraburа no kwera, n'ibindi byose by'amafuti". Hali hasigaye iki se ku muco w'igihugu igihe bakibujije kubandwa no guterekera kandi ali bimwe mu bimenyetso bya mbere by'abanyarwanda mu mico no mu mihango? Hali no kwibaza ubulyo Imana yagiye gutanga amategeko y'isi yose igahera ku bikorwa mu Rwanda. Kandi ntabwo abo bantu babuzaga iyo mihango bali bazi n'iyo aliyo.

Bose bayibuzaga ali inzigo, ali ukumva gusa ibyo abigishwa babo bababwira, n'ibanga bali bararahiye kutazamena. Abandi kandi babasanze, benshi mulibo bali bakili bato aho ubanza abenshi bali batarabona iyo mihango ikunda guhabwa abagabo bakuru bubatse.

Kandi na n'ubu, benshi mulibo, ntabwo iyo mihango bayibuza bazi iyo aliyo n'icyo ivuga, n'icyo iba igamije.

- Uhakana ububi mu bantu na n'ubu agira ati: Ndabandwa, zasubuyeho, ndi umubandwa.
- Uwo bakema ubuntu n'ubupfura ku mutima, bamucyulira ko atagira imandwa.
- Utagira imandwa ni utagira ibambe. Mbese ni utaraba umuntu koko nk'uko umuco w'igihugu ubishaka kandi ubiteganya mu bantu bose bagituye.

Kubandwa kandi ni bwo bulyo bwiza abanyarwanda bahoranye bwo kwogeza ubumwe mu gihugu. Mulibuke ko nan'ubu ntawatereka ali umuhutu ngo abure kugira imandwa y'umututsi, n'iy'umutwa, cyangwa se ngo niba ali umututsi abure kugira imandwa y'umuhutu niy'umutwa. Abatwa nabo ubwabo, iyo babandwa hagombe habe hali imandwa y'ayo moko yombi. Nta kiza nk'icyo mu gihugu, kubona ukuntu uwo muco wogeza ga ubumwe n'ubucuti. Kandi mulibuke ko umuntu wakubandishije ali umwe mu bantu utashoboraga guhemukira n'aho byaba bimeze bite. Mulibuke ko n'aho kuburana bitangiliye batangana abagabo, ntawe bali bemereye ko atangaho umugabo uwabaga yaramubandishije. Kuko babaga bafitanye ubumwe bw'imandwa.

Umuco wa gikirisitu rero wo kutabandwa, wabogamiye umuco w'u Rwanda mu bulyo bukomeye. Cyane cyane ko Abakuru b'igihugu bamaze kubatizwa no kwemera kureka umuco w'igihugu, ntibaretse rubanda ngo rwo rwikomereze ibyabo, ahubwo batoteje bigaragara abantu bose bali banze kureka uwo muco, ninibwo kubandwa biretse gukorwa habona, bagahitamo kubikora rwihishwa nijoro. Abapadili baboneraho kwamamaza ko ali icyaha ngo kuko bikorwa nijoro, kandi ali aho impamvu iturutse.

Guterekera: Ni ukugusha neza abakurambere bawe ngo bataguteza ibyago. Simbona ububi buli muli ibyo, cyane cyane ko u Rwanda rwali rwimutse ku guterekera ababo, rukajya guterekera abo rutali ruzi. Kwambaza malayika wawe ukunda, na mutagatifu ufitiye izina, ntaho mbona biruta kwambaza so wakubyaye, agasaza asize aguhaye umunani w'inka n'abantu kandi akubakiye, agusize mu bavandimwe n'izindi nshuti ziza gutabara ugize ibyago.

Kandi ngirango mu bantu tugomba ishimwe, ntawe urasumba ababyeyi batubyaye. Ndetse n'awakulikirana cya kibazo ngo ikirutikindi ni iki ? Wasanga ikiruta ibindi ali nyina w'umuntu. So nawe aruta abandi, aliko nyina w'umuntu yarahabuje. Ineza ye ntigira inyiturano, nta n'uwakwilirwa yirushya ngo arashaka icyo azitura nyina. Nyuma rero ngo numuterekera kandi yarabigusabye ngo uliho uragoma.

__Kwirabura__: si ikindi ni agahinda k'uwanyu ubavuyemo. Kandi akaba agiye iyo abagabo bajya bagaterwa bakamera, ntibakumburwe ngo basurwe. Naho kwera, ni ukwimara ilyo shavu ngo bisubiranye, bongere bakomeze imilimo, kuko ibyo bili mu bantu bose nta musimbutsi wa cyane warurenze. Kandi ngo indishyi y'urupfu ni ukubyara.
Iyo nihango igihugu cyose cyemeraga igakurwaho n'umuco umwe wayibangamiye mu mizamukire yayo, jyewe iyo mbitekereje nsanga ali akarengane, ndetse kazana n'agasuzuguro. Nimvuga ko ali agasuzuguro, ntihaze kugira uwo bibabaza, ahubwo mwumve ko ali ugacishwa bugufi nta mpamvu, ibyawe bikigizwayo hakaza ibindi.
Nta bushobozi mfite bwo kugaya ibyo bindi, kuko ntarusha ubwenge bose bataye uwo muco wa kinyarwanda bakabikulikira.

Iyo nyigisho rero imaze gukomera kandi ikomejwe ahanini n'abagombaga kuyibazaho byinshi batabigize, batangira noneho kubatiza rubanda no kubigisha. Aho bigishiliza hakitwa "Intebe y'Amahame". Kandi ko uwigishiliza aho wese adashobora kuyoba no kutuyobya, kuko aba awugishwa n'Imana Nungu. Abakuru biga amasengesho yandi barayamenya, ndetse biga n'indunduro yayo yose, ikaba yo yali ikomeye, babe babyumva cyangwa se batabyumva aliko barangize basubiza bose icyalimwe ngo: "Amen". Ni uko amasengesho menshi akaba mu ndimi abantu batumva aliko ukumva ngo Amen. Ali byo kuvuga ngo turabyemeye. Ayo masengesho iteka akavugwa abantu bapfukamye, ali imyifatire y'abagaragu. Koko rero bahora ali abagaragu b'ibyo bigishijwe batumva. Nkibaza rero ukuntu babyemeraga, kuko bagombaga kubatiza ubyemeye. Ndetse na wa wundi wavuze ait ndavanga, ubanza ali ntawamutera ibuye kumva ko yahitagamo kuvanga ibyo atumva n'ibyo yali amenyereye. Ndetse na wa mukecuru w'Umunyarwanda babajije niba yanga Shitani kugirango ashobore kubatizwa, akavuga ko naho yabereye atanga n'imbwa y'i Rwanda, ndibaza niba baragombaga kumubatiza cyangwa se kumureka. Ntiyali azi kwangana, ndetse na Shitani nta mpamvu yo kuyanga yabonaga.

Bamaze kubatiza benshi aho benshi mulibo batabyumva, nibwo hadutse amazina ya gikirisitu. Amazina ya kinyarwanda bahawe na ba se ahinduka amazina ya Gipagani. Abagabo bitwa ba Petero, abandi bitwa ba Paulo, abandi bitwa ba Innocenti. Nabo abagore bitwa ba Kilimensiya, ba Makulata ba Nyensi n'andi. Ayo bali basanganywe yose akitwa amapagani.

.../...

Kandi icyo gihe umupagani byavugaga umushenzi, umuswa, umunyamusozi utareswe, mbese udafite agaciro. Ngaho rero nimunyumvire ubulyo so yakwita "Nkurunziza" ejo bakazalyita izina lya gipagani.
Nyumvira Rwizigura, na Nkuranyabahizi, na Zirabandwa na Sezirahiga, na Nkusi na Ntukababare ubulyo ayo mazina ali amapagani? Nyumvira Mukarushema na Niwemugore na Mugabonejo, na Kamaliza, na Kangondo, na Mutakwaraba, na Mugorewindekwe, na Nibagwire... ubulyo ali amazina y'amapagani ?
Ngaho rero umuco wa Gikilisitu na Kizungu byabogamira umuco w'u Rwanda, kuko izina cyali icyishongoro cy'uburumbuke n'ubugabo n'ubundi butwali, cyangwa se ali isengesho ku Mana itera umugisha urugo rukabyara, rugakura, rugatuma. Nyamara Petero ntawalyita ilipagani, kandi we yalihakanye Yezu ku mugaragaro imbere y'Abagore b'abaja, akabigira gatatu.
Nyamara Paulo si ilipagani kandi yaratoteje Imana, abakilisitu akabagiliza. Inkuru yo kwanga amazina ya kinyarwanda iragumya irakwira, biva ku bakuru bifata abana. Urugo rutabatije rukumva rudafite amahoro. Abana bava ku mazina ya ba se bahabwa amazungu, nibwo batandukanye na ba Nyirakuru ntibashobore kubahamagara.
Nabo kandi aho bakuliye ntube wabaza umwana uko se yitwa ngo akubwire, kuko mu byukuli ataba amuzi. Dore ugira uti ali uwande wa mwana we ai ndi uwa Papa, cyanga se ati ndi uwa Mama. Umwana nawe iyo atitwa FIFI aba yitwa BEBE. Imbwa ikaba TOTO, umwana akaba Tom, imbwa ikaba Top.
Hali naho umugabo yakwise Shu, akitwa Chéri, akitwa mon petit mari; akitwa mon bijou, cyangwa se akitwa mon joujou, akitwa mon oiseau (y'igishwi n'ibindi).

Iyo ngeze aha none ho niyumvisha impamvu mu itegeko lya mbere lya Mungu harangiza ngo "n'ibindi byose by'amafuti". Koko kugirango ibyo byose byemerwe bagombaga kubanza kwita umuco w'igihugu amafuti. Kandi uwakwibaza amafuti bavugaga icyo gihe nayo yaboneka bitaruhanije.
- Gutanga umuti n'umuhamuro wawo.
- Kwakira umwishywa w'abana bashyingiwe
- Guhungura umugore wanyu ubaheke ye umwana kandi alimwe mwamugize umugore, aho kumureka ngo ajye kwangara mu gihugu, abe indaya kandi yarahoze ali umubyeyi iwanyu. Kandi n'ibyago aba agize atali we uba abiteye.
- Gutwikurura umugeni, kumukoza ku mashyiga, kwakira urugoli rwe nawe yabaye umubyeyi
- Guhamba so cyangwa se Sokuru wakumaliye byinshi uli muto, ali nalyo shimwe lisa yali agutegereje ho uli uwe utali uw'imuhana, kumuterekeraho ubugabo n'indi mico myiza yali asanganywe mu bantu, gutsinda abakuru, gutega urugoli ngo wemeze rwose ko uli umubyeyi mu rugo, ngibyo ibyo kizungu yise "Ibindi byose by'Amafuti".

Bajya gukuliriza ibyo byose babiha izina lyiza babyita Amajyambere. Ntabwo ngaya ibyo amajyambere ya kizungu yatuzaniye. Ni byinshi kandi ni byiza, kandi biranadukijije.

.../...

Ayo majyambere nta na gito cyayabuzaga guturana n'umuco wa kinyarwanda. Umwami wabonye ibikoresho bya kizungu bwa mbere we yali yarabibitse ahantu hiherereye, abyita ngo ni urwunguko. Ntiyali azi ko urwo rwunguko rwali kuzamira umuco wa kinyarwanda.
Aho ijambo urwunguko libuliye abalyamamaza, amajyambere arasagamba. Balikubita mu bwenge bw'abantu barahora.
Batisimu yali imaze kumvikana mu bantu bakuru bose. Urubyiruko narwo baruhimbira amashuli ya kijyambere. Rujya kwiga na rwo kwanga iwabo. Abize ayo mashuli bakitwa ba "Evolués" cyangwa se "Imvuruwe", byaterwaga n'ubavuga uko ajijukiwe mu ruzungu. Izo mvuruwe rero nizo zateje ahanini umuco wa kinyarwanda gutakara vuba. Kuko kugirango umuntu yerekane ko aliyo koko, yagombaga kuba afite imico ya kizungu myinshi.

__Urulimi__: Byanze bikunze akavuga uruzungu. Ntatekereze n'uwò abwira ko we atarwumva, akaruvugira gusa kugirango abe umunyamahanga aho ali.
Ibyo abazungu n'abandi barabibonaga, kandi bali bazi ko ali kugilira nabi abenegihugu aliko ntibaruha bateshеranya. Urulimi rw'igihugu rurapfa rero rurashira. Kugirango rurunduke, barwima umwanya mu nyigisho bagiliraga izindi ndimi zabo mu mashuli bali bamaze guhatira igihugu. Ntibali bayobewe ko urulimi ali wo mugende uyobora imico. Ninayo mpamvu banze kurwigisha, kandi bakarata cyane uwazobereye muli izo ndimi zabo. Agahora ahabwa ishimwe, kugeza n'aho abanyarwanda ubwabo bagilira ishimwe likomeye umuntu bavugaho ko yazobereye muli izo ndimi z'amahanga.
Ntibitangaza rero kubona ubu ururulimi rukennye ni uko rutitaweho.

__Ibikoresho__:
Nubu biracyaliho rwose ko kugirango umuntu yerekane ko akomye agomba kuba akoresha ibintu bya ruzungu byinshi. Kandi n'icyo cyubahiro cyatangiye kera kiracyaliho. Ngo kwa naka ni i Buzungu. Atali ukuhahinyura ahubwo ali ukuvuga ko hameze neza rwose. Nuko ba Evolué bakalira mu masahani y'abazungu, bakicara mu ntebe z'abazungu, bakalisha za rupahu z'inzungu. Kubera ko ntacyo bali bazi gukora byose bakabigura. Amafaranga bakoreraga, akaba ayo kwizungahaza. Ngiyo nyina w'ubukene mu Rwanda. Abo bantu rero bamaze gukwira mu gihugu, abakozi bacu b'ibikoresho bya kinyarwanda babura imilimo, icyo bakoze hakabura ugishaka.
Sibwo se imilimo ya kinyarwanda ibuze abayikulikirana n'ubizi akajya i Buzungu kubisabana akazi ko kuba umuboyi w'umuvoliwe. Ubitinzemo akanenwa akimwa umugeni. Sinzi niba ubu uwo bita umutebo ali icyubahiro cyangwa se agasuzuguro.

__Imyambalire__:
Ntacyo ba Evolues basize inyuma. Noneho benda imyambaro ya kinyarwanda barayireka. Bambara kimwe n'abazungu. Abakannyi n'abashishimuzi b'impuzu babura uwo bakorera barabireka. Umuntu akiliranwa karuvati n'ikoti lya laine ku zuba, bilirwa bicika mu maha yiyuha itutu litewe n'imyenda ishyushe, aliko akanga akalyiliranwa ngo akunde ase n'abazungu.

Umwana akavuka hashyushye, bakamutikura mu myenda basabye umuzungukazi wayangishijwe n'uko asigaye aba mu gihugu gishuha.
Aliko uwakavukire wakimenyereye akanga we akambika uwo Bébé ibintu by'umwana w'umusungu wavutse igihe cya Hiver. Hato abantu baterana ati ni jye ubarusha ubwenge kuko nize. Kuko nzi gukulikirana neza ibyo nabonye ntibaza, ndatekereza.
Umugeni wo mu Rwanda akunda kurongorwa mu kwezi kwa Nyakanga na Kanama. Icyo gihe izuba liba imena imbwa agahanga. Aliko uzamubonana imyenda abazungu bambara basezeranye muli Hiver. Uzamubonana ikanzu yera de ivuga ko ali isugi.
Ibyo birashimitse ndetse ni n'ikimenyetso cyo kwizerwa rwose ko atakubaganye iyo ânda atwite itagaragara muli iyo kanzu yera de. Aliko bizaba biyobye numubonana za gants mu ntoke zerekana ko akonje kandi ureba igihe azaba atahiye. Ibyo rero ntawabura kuvuga ko ba Evolués n'umuco wabo wabangamiye amajyambere nyayo y'abanyarwanda muli ziso nzira. Nibwo kandi ba Evolués abo babitoje n'abandi.
Utameze nkabo ugasanga baramuseka. Usareba rero abantu benshi biha gukora ibintu bitabashobokeye, kugirango bakunde base na ba Nyanaka babonye.
Cyangwa se ugasanga amafranga y'umukozi ashiliye ku byo yambara ngo agaragare, ubundi akalya ibyo abonye agakenura bake., aliko ugasanga yambaye nk'abo yabonye.
Biratangaza kubona abo ba Evolues bose bambaye kimwe, kandi batanganya amafranga. Nta kabuza bulya ntihaba habuze uwo bivuna cyane. Uko uwo muntu agumya gukura ali nako agumya kwica byinshi mu mico y'u Rwanda, kugeza ubwo igihugu cyose kibaye evolué nkawe, gitangira gukena no kwifashisha mu mahanga.

<u>Amashuli</u>: Mu mashuli niho abanyarwanda bali ahali gukura umutima ukomeye wo kumenya kwirwanaho no kwiga ibyo bataragerаho. Aliko icyababaje ni uko bize byinshi bya Kiliziya na Kizungu, ntihagire uwiga na gato k'u Rwanda. Ayo mashuli kandi reka abe atyo, abali barayizemo nibo ba bandi twavuze. Kandi ni nabo bagombaga kuyigisha. Byali ngombwa rero ko bigisha nk'ibyo bize. Evolué aba umusilimu, nawe umuturage agumya gusubizwa inyuma.

Nguko rero uko umuco wa Kinyarwanda umerewe mu majyambere ya kizungu na Gikilisitu, n'ubulyo tuwihunza twendeye ku nyigisho twize.

Imigambi yo kuwutumburura no kuwuteza imbere ni myinshi nayo yaba indi mpamvu y'ikiganiro nk'ikingiki.

- Kuwukunda
- Kuwamamaza
- Gushaka kuwungura no kuwuhamya mu materaniro y'amahanga ali nta soni biduteye.

.../...

Bityo umunyarwanda avangire ubwenge mu mubano mwiza we n'amahanga, yige ubwenge aliko agerekeho n'umuco we. Kuko ngo amenyo amerera ku majigo.

Murakoze, Murakarama !

NSABIMANA Jean Chrysostome.-